



Sustainable Agricultural
Supply Chains Initiative

IMFASHANYIGISHO

Y' ABATUNGANYA UMUSARUO
KU RWEGO RW'IBANZE

INATrace

Ikoranabuhanga rikurikirana inkomoko y'igicuruzwa
hagamijwe uruhererekane nyongeragaciro rurambye

IMFASHANYIGISHO
2023



Sustainable Agricultural
Supply Chains Initiative

IBIRIMO

| | |
|---|----|
| Iriburiro | 05 |
| <u>0.1 Abatunganya umusaruro ku rwego rw'ibanze</u> | |
| <u>0.2 Intego</u> | |
| <u>0.3 INATrace</u> | |
| Umutwe wa 1. Gutangira gukoresha INATrace | 08 |
| <u>1.1 Kwiyandikisha muri sisiteme</u> | |
| <u>1.2 Kwinijira muri sisiteme</u> | |
| <u>1.3 Uko sisiteme igaraqara ukiyinijiramo</u> | |
| <u>1.4 Guhitamo ururimi</u> | |
| Igice cya 2. Kugura umusaruro (Kwakira umusaruro) | 14 |
| <u>2.1 Uburyo bwo kugura umusaruro uva k'umuhinzi umwe</u> | |
| <u>2.2 Uburyo bwo kugura umusaruro uva ku bahinzi benshi icyarimwe</u> | |
| Igice cya 3. Gutunganya umusaruro | 23 |
| <u>3.1 Ibikorwa bibanziriza gutunganya umusaruro</u> | |
| <u>3.1.1 Gupima umusaruro waguzwe</u> | |
| <u>3.1.2 Gutunganya umusaruro : Gutunganya kawa kuva ku aitumbwe kugeza yanitswe)</u> | |
| <u>3.1.3 Gupakira umusaruro wumye no kuwujyana muri sitoke</u> | |
| <u>3.2 Sitoke</u> | |
| <u>3.2.1 Kuvana umusaruro muri sitoke ujya ahakorerwa ibindi bikorwa byo kuwutunganya</u> | |
| <u>3.3 Gutunganya umusaruro</u> | |
| <u>3.3.1 Gutunganya umusaruro: Gutonora Kawa yumye</u> | |
| <u>3.3.2 Urugero rw'ibikorwa bya nyuma yo gutunganya umusaruro: Kwimirira igicuruzwa mu bubiko bwa nyuma bw'ikigo</u> | |
| Igice cya 4. Kwishyura | 48 |
| <u>4.1 Kwishyura umuhinzi umwe</u> | |
| <u>4.2 Kwishyurira hamwe abahinzi benshi</u> | |
| Igice cya 5. Ibjiyanye na sitoke zose | 56 |
| <u>5.1 Kureba sitoke n'uruhererekane rw'amakuru y'ikiciro cy'umusaruro</u> | |
| <u>5.2 Gushyira igicuruzwa kuri Beyco (kawa gusa)</u> | |
| Igice cya 6. Imyirondoro y'abahinzi | 64 |
| <u>6.1 Uko ugera ku myirondoro y'abahinzi</u> | |
| <u>6.2 Gushyiramo umwirondoro w'umuhinzi</u> | |

| | |
|---|----|
| Igice cya 7. Imbonerahamwe | 71 |
| <u>7.1 Imbonerahamwe y'umusaruro wakiriwe</u> | |
| <u>7.2 Imbonerahamwe y'amakuru yo gutunganya umusaruro</u> | |
| Chapter 8. Komande | 75 |
| <u>8.1 Reba kandi wuzuze komande</u> | |
| <u>8.2 Guhindura amakuru aijanye na komande</u> | |
| Igice cya 9. Imiterere y'ikigo | 83 |
| <u>9.1 Uko ugera ku mwirondoro ya kompanyi yawe (uburyo bwa 1)</u> | |
| <u>9.2 Guhindura umwirondoro wa kompanyi (koperative)</u> | |
| <u>9.3 Kongeraho cg guhindura umwirondoro w'aho ibikorwa bibera</u> | |
| <u>9.4 Kongeraho cg guhindura ibikorwa byo gutunganya umusaruro</u> | |

Iriburiro

Imfashanyigisho ya INATrace ku batunganya umusaruro igaragaza mu buryo bwinditse ibice bitandukanye bya sisiteme. Iyi nyandiko yateguve kugirango isobanure intambwe ku yindi buri gice cya sisiteme. Hagamijwe ko abakoresha INATrace bakora mu bikorwa byo gutunganya umusaruro w'ibikomoka k'ubuhinzi ku rwego rw'ibanze babasha kuyikoresha mu buryo bunoze.

Mu ntangiriro, iyi mfashanyigisho igaragaza uburyo bwo gutangira gukoresha INATrace. Aho hakubiyemo ingingo zo kwiyandikisha no kwinjira muri sisiteme, uko igaragara ukiyinjiramo, uko ubona umwirondoro w'urimo kuyikoresha ndetse no guhitamo ururimi.

Igice cyo kwakira umusaruro kibanda ku kwerekana uko winjiza makuru muri sisiteme ajyanye no kugura umusaro uva k'umuhinzi umwe ndetse niyo uva ku babinzi batandukanye icyarimwe. Nyuma yaho, haza igice kijyanye no gutunganya umusaruro wavuye ku babinzi. Gikubiyemo ingingo zisobanura ibikorwa bibanziriza gutunganya umusaruro, kugenzeru sitoke no gutunganya umusaruro. Mu rwego rwo gusobanura byimbitse, iyi nyandiko igaragaza neza intambwe ku yindi uko winjiza amakuru ajyanye no gutunganya umusaruro yifashishiye ingero z'ibikorwa bikorerwa n'uruhererekane nyongeragaciro rwa kawa.

Byongeye kandi, igice cyo kwishyura kivuga ku byerekeye uko winjiza amakuru muri sisiteme ajyanye no kwishyura abahinzi yaba umwe cyangwa benshi icyarimwe. Ibijyanye na sitoke zose ni igice cya sisiteme gifasha ukoresha INATrace kureba uruhererekane rw'amakuru y'icyiciro cy'umusaruro runaka hakurikijwe aho ugeze mu rugendo rwo kuwutunganya mu kigo. Aha kandi iyi mfasha nyigisho yerekana uko abakoresha INATrace bari mu ruhererekane nyongeragaciro rwa kawa bashobora gushyira ibicuruzwa byabo ku rubuga rwa Beyco.

Hamwe n'iyi mfashanyigisho, abakoresha INATrace bashobora gusobanukirwa uko bareba ndetse bakanifashisha amakuru ari muri sisiteme ajyanye no kwakira umusaruro no kuwutunganya banyuze ku gice cy'imbonehamwe. Abatunganya umusaruro babasha guhererekanya amakuru y'inkomoko y'umusaruro ku baguzi babo binyuze mu gice cya sisiteme cyitwa komande. Iyi nyandiko rero igaragaza uko wareba kandi ukuzuza komande wahawe n'abaguzi ndetse n'uko wahindura amakuru ajyanye nayo. Muri iyi nyandiko kandi harimo inzira y'uko umuyobozi w'ikigo agera mu gice cyo guhindura amakuru y'ikigo cye muri sisiteme.

Mu ncamake, iyi mfashanyigisho itanga ubumenyi bwimbitse kuri sisiteme ya INATrace kandi igenewe gufasha abayikoresha bari ku rwego rw'ibanze mu gutunganya umusaruro w'ibikomoka ku buhinzi.

0.1. Abatunganya umusaruro ku rwego rw'ibanke

Iyi mfashanyigisho igenewe abakoresha sisiteme ya INATrace bakora mu bikorwa byo gutunganya umusaruro w'ibikomoka ku buhinzi ku rwero kw'ibanke. Mu rwego rw'umushinga wa INATrace abatunganya umusaruro ku rwego rw'ibanke ni cooperative cg isosiyete igira uruhare mu buhinzi ndetse no gutunganya umusaruro ku rwego rw'ibanke hagamijwe kuwongerera agaciro. Ibi bigo bishobora kuba ari iby'abahinzi ubwabo cg se no kuba bikorana nabo ku buryo bwa hafi.

Ni ingenzi kumenya ko uruhare rw'abatunganya umusaruro ku rwego rw'ibanke mu ruhererekane nyongeragaciro rushobora gutandukana bitewe n'ubwoko bw'ibihingwa barimo cg se n'umwihariko w'ibicuruzwa byabo.

Urugero: Koperative y'abahinzi ihinga ikawa ikanayiyunganya kuva ku gitumbwe ku geza kuri girini, ishobora no kuba ari yo yohereza iyo kawa yayo hanze y'igihugu ijya ku baguzi. Icyo gihe iyo koperative ifatwa nk'utunganya umusaruro ku rwego rw'ibanke ndetse ikaba n'uwohereza ibicuruzwa hanze.

Mu rwego rwo gukoresha sisiteme ya INATrace, icyitarusange ku batunganya umusaruro ku rwego rw'ibanke ni ukuba aribo barebwa n'igikorwa cyo kwinjiza amakuru muri sisiteme ajyanye no kwakira umusaruro w'abahinzi. Aya makuru ni ingenzi cyane dore ko ariyo musingi mu gukurikirana inkomoko y'ibicuruzwa bikomoka ku buhinzi.

0.2 Intego

Intego y'iyi mfashanyigisho ni ukwerekana intambwe ku yindi imikorere ya sisiteme ya INATrace mu rwego rwo gufasha abayikoresha. Intego bwite z'iyi mfashanyigisho:

- a. Gusobanura sisiteme ya INATrace n'uburyo ifasha mu gukurikirana no kugaragaza inkomoko y'igicuruzwa mu uruhererekane nyongeragaciro ku umusaruro w'ibikomoka k'ubuhinzi
- b. Gusobanurira abakoresha sisiteme uko ikoreshwa n'uburyo ibasha kubika amakuru yose y'uruhererekane nyongeragaciro.
- c. Abayikoresha bazaba bafite imirongo ngenderwaho yuko INATrace ikoreshwa

0.3. INATrace

INATrace ni igisubizo cy'ikoranabuhanga rifunguye kuri bose kandi rishyira abantu imbere. Hamwe n'intego yo guteza imbere abahinzi batoya, INATrace yibanda ku gukurikirana inkomoko mu ruhererekane nyongeragaciro ku isi. Mu ruhererekane nyongeragaciro, igiciro cyiza ku batunganya umusaruro bari ku rwego rw'ibanze cyashoboka mu gihe hagaragajwe uko bishyurwa make ugereranje n'abandi bari ku zindi nzego.

Amakuru mu ruhererekane nyongeragaciro, nka ay' ibiciro byishyurwa, ay'ibikorwa byo gutunganya umusaruro ndetse n'ababigiramo uruhare abikwa mu buryo bwikoranabuhanga ndetse mu gihe byifuje yabasha kurebwa n'abaguzi binyuze muri QR kode. Ndetse imirimo yo kongera ho ubushobozi bushya bwo kwegeranya amakuru y'ubuso n'imiterere by'imirima y'abahinzi hagendewe ku bipimo bya satellite irimo gukorwa. Bityo, amakuru yegeranijwe muri INATrace ashobora gukoreshwa mu kwerekana ko amategeko n'amabwiriza mu kwita ku mashyamba n'ibidukikije yubahirizwa (EU Deforestation Regulation EUDR).

Amasosiyete ari mu bikorwa byo gutunganya umusaruro, kuranguza no guceruza arimo gusabwa gufata inshingano mu kumenya ibikorerwa mu uruhererekane nyongeragaciro ku bicuruzwa byayo binyuze mu mabwiriza akubiye muri gahunda z'ighugu cy'Ubudage n'Ubumwe bw'Uburayi azi yo German Supply Chain Act (LkSG) na EU Regulation on Deforestation-Free Products (EUDR). Kubahiriza uburenganzira bwa muntu no kurengera amashyamba ni ngombwa ku isi hose, cyane cyane ku rwego rw'ibanze mu bikorwa by'uruhererekane nyongeragaciro. Ku isoko ry'ikoranabuhanga rifasha mu gukurikirana inkomoko y'ibicuruzwa, INATrace yubakwa hashingiwe ku byifuzo byabari ku rwego rw'ibanze mu uruhererekane nyongeragaciro.

Hamwe na INATrace, amakoperative afite amahirwe yo gusezera ku gukoresha impapuro cyangwa se imikorere ishingiye kuri Excel gusa hanyuma ibikorwa byayo byose bigakorerwa kuri sisiteme y'ikoranabuhanga kandi biciye mu mucyo. Amakoperative akomeza kandi kugira uburenganzira bwose ku makuru yabo, bikayongerera imbaraga mu kugena ibiciro ku bicuruzwa byayo mu gihe bavugana n'abaguzi.

INATrace mu magambo make



- Ni ikoranabuhanga rifasha mu **gukurikirana inkomoko** y'igicuruzwa.
- Ituma **ibicuruzwa bikomoka** ku buhinzi bibasha kumenyerwa inkomoko.
- **Igaragaza inkomoko** y'ibicuruzwa bikomoka kubuhinzi.
- Ituma **abaguzi ba nyuma basobanukirwa** kandi **bagatanga ibitekerezo** ku gicuruzwa.
- Ifasha abatunganya umusaruro gukurikirana, gusesengura ndetse no gutangaza amakuru y'ibikorwa byabo mu buryo bw'ikoranabuhanga.

Umutwe wa 1.

Gutangira gukoresha INATrace

INATrace iboneka kuri murandasi ukoresheje mushakisha iyo ari yo
yose igezweho (urugero: Chrome cyangwa Microsoft Edge) ukoresheje
iyi URL: <https://inatrace.org/>

1.1 Kwiyandikisha muri sisiteme

Kugirango wandikishe konti y'ukoresha INATrace, kanda, <https://inatrace.org/rw/register> hanyuma ukomeze wuzuze ahagenewe abiyandikisha nkuko bigaragara hepfo. Nyuma yo kuzuza mo amakuru yose asabwa, kanda kuri “*Iyandikiske*” hanyuma usabe umukozi wa INATrace kwemeza konti yawe.

The screenshot shows the INATrace registration interface. At the top, the browser title bar reads "INATrace" and the address bar shows "inatrace.org/rw/register". The main form is titled "Hanga konti" (Contact Information). It contains several input fields with placeholder text in Kinyarwanda:


- "Izina rya mbere*" (Business Name): Shyiramo izina rya mbere ryawe
- "Irindi zina*" (Business Address): Shyiramo irindi zina ryawe
- "E-mail*" (Email): Shyiramo imeri yawe
- "Ijambo ry'ibanga*" (Business Phone): Shyiramo ijambo ry'ibanga
- "Yego, ndemeranywa na byo Amabwiriza yawe" (Checklist): A checkbox labeled "Wamaze kwiyandikisha? Injira" (Do you want to receive updates?) is checked.

At the bottom left, there is a "Kanda hano" (Next) button, and at the bottom right, a large green "Iyandikiske" (I Agree) button.

On the right side of the form, there is a promotional message: "Make agricultural supply chains transparent and fair with INATrace".

1.2 Kwinjira muri sisiteme

Mu gihe konti yawe yamaze gusuzumwa no kwemezwa, ushobora gukanda kuri “**Login**” unyuze kuri <https://inatrace.org/> ubundi ukuzuzamo imeri yawe n’ijambo ry’ibanga ukoresha kugirango winjire muri sisiteme.



1.3 Uko sisiteme igaragara ukiyinjiramo

Mu gihe umaze kwinjira muri sisiteme, uhingukira ahabanza (reba ku ifoto iri hefpo). Kuri uru rupapuro rubanza ukinjira muri sisiteme hariho utudirisha n'ibishushanyo bitandukanye bigufasha mugukora ibikorwa bitandukanye muri sisiteme.

The screenshot shows the INATrace software interface. On the left is a vertical orange sidebar with icons for 'INA' (with a green square icon), a building, a stack of documents, and a gear. A green arrow points from the 'INA' icon to the text 'Ahabanza'. Another green arrow points from the building icon to the text 'Aho kampani / koperative yanyu ikorera ibikorwa byayo muri sisiteme'. In the center, there's a grid of icons representing different sectors: Ibikorwa (house icon), Komande (building with boxes icon), Abahinzi (farmer icon), Abakusanya umusaruro (tractor icon), and Dashibodi/Ikibaho (bar chart icon). A green box encloses the first four icons. Above this box, the text 'Izina ryawe n'izina rya kampani / koperative yanyu' is displayed, with an arrow pointing to the 'Denyse (Magic Mountain Producers)' label. To the right of the grid, a green box encloses the last two icons, with the text 'Inzira ya bugufi igera aho kampani / koperative yanyu ikorera ibikorwa byayo muri sisiteme' pointing to it. At the bottom, a green box encloses four product images: 'Cashew's Best' (cashew nuts), 'Beyco test beans' (coffee beans), 'Test RW' (coffee cup with latte art), and 'Test HND' (coffee beans). An arrow points from this box to the text 'Reba ibicuruzwa'.

Ahabanza

Aho kampani / koperative yanyu ikorera ibikorwa byayo muri sisiteme

Izina ryawe n'izina rya kampani / koperative yanyu

Denyse (Magic Mountain Producers)

Inzira ya bugufi igera aho kampani / koperative yanyu ikorera ibikorwa byayo muri sisiteme

Ibicuruzwa byacu

Cashew's Best

Beyco test beans


Test RW

Test HND

Reba ibicuruzwa

1.4 Guhitamo ururimi (*Icyongereza, Ikinyarwanda, Icyesipanyoro n'Ikidage*)

Guhindura ururimi rwa sisiteme, kanda ahari uturongo dutatu hejuru ibumoso, hanyuma ukande
"Umwirondoro w'ukoresha porogaramu"



The screenshot shows the INATrace software interface. On the left is a vertical orange sidebar with icons for 'INA', 'Buildings', 'Stacks', and 'Star'. The main window has a header 'INATrace' and a URL 'test.inatrace.org/rw/home'. Below the header are several cards with icons and labels: 'Ibikorwa' (house icon), 'Komande' (briefcase icon), 'Abahinzi' (person icon), 'Abakusanya umusaruro' (truck icon), and 'Dashibodi/Ikibaho' (factory icon). To the right is a sidebar menu with a list of items: 'Denyse (Magic Mountain Producers)', 'Ahabanza', 'Ibicuruzwa', 'Sisiteme', 'Umwirondoro w'ukoresha porogaramu', 'Umwirondoro wa kompanyi', and 'Gusohoka'. A green arrow labeled '[1] Kanda hano' points to the 'Denyse' item. Another green arrow labeled '[2] Hindura ururimi' points to the 'Umwirondoro w'ukoresha porogaramu' item.

Kuri mudasobwa urimo gukoresha haragaragaraho idirishya nkiryo riri hepfo (reba ifoto hasi), shaka, hanyuma uhitemo ururimi ushaka gukoresha munsi yahanditse "***Ururimi rw'ukoresha sisiteme***" hanyuma ukande kuri ahanditse "***Kubika***" hepfo kugirango wemeze impinduka z'ururimi.

The screenshot shows a web browser window for the INATRACE application. The URL is test.inatrace.org/rw/user-profile?returnUrl=%2Fcompanies. The page displays a form for creating a user profile, specifically for a company. On the left, there's a sidebar with icons for INA, Apps, and other navigation links. The main content area has two main sections:

- Amakuru yibanze**: This section contains fields for "Izina rya mbere*" (Denyse) and "Irindi zina*" (Uwera). It also includes a dropdown for "Izina ukoresha muri sisiteme". Below these is a button labeled "Ongera ukore ijambo ry'ibanga".
- Ururimi rw'ukoresha sisiteme**: This section shows language settings. It lists "Urwoahisemo" (RW) and "Iziboneka" (EN, DE, ES). A green box surrounds this language section, and an orange arrow points from it to the Kubika button at the bottom right of the page.

Kompanyi zanje: This section lists "Magic Mountain Producers", "Test company RW", and "Export Pros".

At the bottom right of the page, there are two buttons: "Gusubira inyuma" and "Kubika". An orange arrow points from the Kubika button to the text "[4] Kanda hano kubika".

[3] Hitamo ururimi rwawe

[4] Kanda hano kubika

Igice cya 2.

Kugura umusaruro (kwakira umusaruro)

Sisiteme iha ubushobozi uyikoresha bwo kugura umusaruro uva k'umuhinzi umwe umwe cyangwa benshi icyarimwe.

2.1 Uburyo bwo kugura umusaruro uva k'umuhinzi umwe

Kugura umusaruro w'umuhinzi umwe, kanda ku kadirishya ka “**kampani**” nkuko bigaragara ku ifoto iri hasi, birakujyana ahanditse “**Ibikorwa**”. Ushobora no guhita ukanda ahanditse “**Ibikorwa**”.

The screenshot shows the INATrace platform interface. On the left, there is a vertical orange sidebar with icons for 'INA' (house), 'Cyangwa' (stack of bags), and a gear. Two green arrows point from the 'INA' and 'Cyangwa' icons to the 'Ibikorwa' icon, which is highlighted with a green border. The 'Ibikorwa' icon features a house and a person. Below it, other icons represent 'Komande' (person with a briefcase), 'Abahinzi' (person with a hat and fork/spoon), 'Abakusanya umusaruro' (person with a tractor), and 'Dashibodi/Ikibaho' (two stylized figures). At the bottom, there is a section titled 'Ibicuruzwa byacu' with four images: 'Cashew's Best' (cashews), 'Beyco test beans' (coffee beans), 'Test RW' (cappuccino), and 'Test HND' (coffee beans).

[1] Kanda hano

[1] Cyangwa hano

Ibikorwa

Komande

Abahinzi

Abakusanya umusaruro

Dashibodi/Ikibaho

Ibicuruzwa byacu

Cashew's Best

Beyco test beans

Test RW

Test HND

Igihe wageze ahanditse "**Ibikorwa**", kurikira inzira nkuko bigaragara ku ifoto hepfo ubashe gukora igikorwa cyo kugurira umuhinzi umwe.

Ibikorwa byo kugura

| Itariki yo kohereza | Umuhinzi | Igicuruzwa kigitunganywa | Ingano | Ayishyurwa / Asigaye | Ibikorwa |
|---------------------|-----------------------------------|--------------------------------|--------|----------------------|---|
| 29.6.2023 | Yvette Abizera (43, RU-CE) | Ikawa y'igitumbwe itaratonorwa | 100 kg | 1.000 / 1.000 | Guhindura Reba Ongeraho kwishyura ayasigaye Umwirondoro w'umuhinzi Gusiba |
| 27.6.2023 | Pascal Tuyishime (17, IM-CE) | Ikawa y'igitumbwe itaratonorwa | 100 kg | 500 / 0 | Guhindura Reba Ongeraho kwishyura ayasigaye Umwirondoro w'umuhinzi Gusiba |
| 26.6.2023 | Yvonne Maniraho (42, BL-CE) | Ikawa y'igitumbwe itaratonorwa | 56 kg | 67.200 / 67.200 | Guhindura Reba Ongeraho kwishyura ayasigaye Umwirondoro w'umuhinzi Gusiba |
| 26.6.2023 | Claudine Niyokwizerwa (37, MA-CE) | Ikawa y'igitumbwe itaratonorwa | 23 kg | 27.600 / 27.600 | Guhindura Reba Ongeraho kwishyura ayasigaye Umwirondoro w'umuhinzi Gusiba |
| 21.6.2023 | Pascal Tuyishime (17, IM-CE) | Ikawa y'igitumbwe itaratonorwa | 15 kg | 20.115 / 20.115 | Guhindura Reba Ongeraho kwishyura ayasigaye Umwirondoro w'umuhinzi Gusiba |
| 14.3.2023 | Rudi Rwandacoffee (5507, VI-MA) | Ikawa y'igitumbwe itaratonorwa | 99 kg | 22.770 / 0 | Guhindura Reba Ongeraho kwishyura ayasigaye Umwirondoro w'umuhinzi Gusiba |
| 14.3.2023 | Jean Uwimana (5509, RU-10) | Ikawa y'igitumbwe itaratonorwa | 50 kg | 250.000 / 0 | Guhindura Reba Ongeraho kwishyura ayasigaye Umwirondoro w'umuhinzi Gusiba |

Nyuma yo gukanda ahanditse "**Ongeraho igikorwa cyo kugura**", hagaragara paje nkiyo iri hasi, biguha uburyo bwo kwandika amakuru yose akenewe mu kugura. Usabwa kwandika amakuru atandukanye nkay'igihe igikorwa cyo kugura cyabereye, amazina y'umuhinzi, ibiro yagemuye, igiciro ku kiro, uko umuhinzi yifuza kwishyurwa, ibiranga uwo umusaruro waguzwe hamwe n'ibihamya. Kurikira inzira nkuko yerekana wa ku ifoto hepfo:

Igikorwa cyo kugura gishya

Amakuru yibanze

- Itariki yo kugemura*
2. 8. 2023 [x]
- Umuhinzi*
Hitamo ...
- Ukusanya umusaruro
Hitamo ...
- Izina ry'ikifashisha
Washing station 1
- Umukozi wa koperative*
Denyse Uwera [x]

Ibisobanuro birambuye by'igura

- Semi-product*
Ikawa y'igitumbwe itaratonorwa
- Ingano (kg)*
Shyirambo ingano [8]
- Ubwishi shingiro (RWF)
- Fungura asigaye (RWF)
- Uburyo bwo kwishyura bukoreshwa kenshi*
Hitamo uburyo ... [9]
- Oruganike*
Hitamo uburyo ... [10]
- Abagore gusa*
Hitamo uburyo ... [11]

Ibindi bihamya

- Urutonde rw'ibihamya by'innyongera
Kongeraho ibishyashya
- Kongeraho ibishyashya [13]

Buttons

- Funga
- Bika [14]

Callouts

- [7] Hitamo izina ryumuhinzi
- [6] Reba niba italiki bakiriye ho umusaruro ariyo
- [8] Shyirambo ingano
- [9] Shyirambo igiciro ku gipimo kimwe
- [10] Hitamo uburyo
- [11] Hitamo uburyo
- [12] Hitamo uburyo
- [13] Kongeraho ibishyashya
- [14] Bika

Aha hari inzira yo kongeraho "**Ibindi bihamya**" ko waguze:

INATrace

test.inatrace.org/rw/my-stock/deliveries/facility/68/deliveries/new

INA Apps Denyse (Magic Mountain Producers)

Umuhinzi*

Yvette Abizera (43, RU-CE)

Ukusanya umusaruro

John Ganza (186, VI-CE)

Izina ry'ikifashisha

Washing station 1

Umukozi wa koperative*

Denyse Uwera

Ingano (kg)*

100

Igiciro ku igipimo kimwe (RWF/kg)*

500

Ubwishyu shingiro (RWF)

50000.00

Fungura asigaye (RWF)

50000.00

Uburyo bwo kwishyura bukoreswa kenshi*

Kashi

Oruganike*

Yego

Abagore gusa*

Oya

Ibindi bihamya

Urutonde rw'ibihamya by'inrongera

Kongeraho ibishyashya +

Itariki* RW-D. M. LLLL

Ubwoko* Hitamo uburyo ..

Idosiye (JPG, PNG, PDF)* Hitamo idosiye

Browse

Hagarika

Emeza

Funga

Bika

[a] Reba neza niba itariki ariyo

[b] Hitamo ubwoko bw' igihamya

[c] Shyiraho igihamya cyerekana ingano y'ibayagemuwe kiriho isinya y'umuhinzi

[d]

Aha hagaragara urutonde rwerekana mu nshamake amakuru y'umusaruro waguzwe "**Urutonde rw'ibikorwa byo kugura**" ndetse ushobora no kugira icyo uhindura kuri ayo makuru ukanzé ku "**Guhindura**". Wanareba amakuru arambuye ukanzé ku "**Reba**" cg se ukanasiba icyo gikorwa cyo kugura cyakozwe ukanzé kuri "**Gusiba**".

Igice cyo hasi kigararagaza "**Ibiteranyo**" by'ingano y'umusaruro wakiriwe. Ushobora kureba igiteranyo kuri buri hantu hakirirwa umusaruro, ku itariki cg mu gihe runaka bitewe nuko ubyifuza. "**Muyunguruzi**" ni agace kinyongera ushobora kwifashisha mu kubona amakuru hakurikijwe ibindi wifuza.

Ibikorwa byo kugura

Hitamo uruganda
Hitamo ahabera igikorwa

+ Ongeraho igikorwa cyo kugura + Ongeraho igikorwa cyo kugurira hamwe

Kuva kujya
1. 6. 2023 27. 6. 2023

Urutonde rw'ibikorwa byo kugura
Kwerekana 4/4

Kohereza amakuru Ongeraho ubwishyu

Muyunguruzi Gushakisha

| Itariki yo koheresa | Umuhinzi | Igicuruzwa kigitunganywa | Ingano | Ayishyurwa / Asigaye | Ibikorwa |
|---------------------|-----------------------------------|--------------------------------|--------|----------------------|---|
| 27.6.2023 | Pascal Tuyishime (17, IM-CE) | Ikawa y'igitumbwe itaratonorwa | 100 kg | 500 / 0 | Guhindura Reba Ongeraho kwishyura ayasigaye Umwirondoro w'umuhinzi Gusiba |
| 26.6.2023 | Claudine Niyokwizerwa (37, MA-CE) | Ikawa y'igitumbwe itaratonorwa | 23 kg | 27.600 / 27.600 | Guhindura Reba Ongeraho kwishyura ayasigaye Umwirondoro w'umuhinzi Gusiba |
| 26.6.2023 | Yvonne Maniraho (42, BI-CE) | Ikawa y'igitumbwe itaratonorwa | 56 kg | 67.200 / 67.200 | Guhindura Reba Ongeraho kwishyura ayasigaye Umwirondoro w'umuhinzi Gusiba |
| 21.6.2023 | Pascal Tuyishime (17, IM-CE) | Ikawa y'igitumbwe itaratonorwa | 15 kg | 20.115 / 20.115 | Guhindura Reba Ongeraho kwishyura ayasigaye Umwirondoro w'umuhinzi Gusiba |

Ibiteranyo

Igicuruzwa kigitunganywa Ingano yose hamwe

Ikawa y'igitumbwe itaratonorwa: 194 kg

Amakuru y'umusaruro wakiwe uva ku muhinzi umwe

2.2 Uburyo bwo kugura umusaruro uva ku bahinzi benshi icyarimwe

Kugura umusaruro kuva ku bahinzi benshi icyarimwe, kanda ku kamenyetso ka “**Kampani**” nkuko bigaragara ku ifoto iri munsi, urahita ujya kuri “**Ibikorwa**”. Ushobora no guhita ukanda ahanditse “**Ibikorwa**”.

The screenshot shows a web browser window titled "INATrace" with the URL "test.inatrace.org/rw/home". On the left, there is a vertical orange sidebar with icons for "INA" (house), "Cyangwa" (stacked bars), and a gear. Two green arrows point from the "INA" and "Cyangwa" icons to the "Ibikorwa" icon in the main content area. The main content area displays five cards:

- Ibikorwa**: Selected, highlighted with a green border. It has a house icon and the text "Denyse (Magic Mountain Producers)" below it.
- Komande**: Has a building icon.
- Abahinzi**: Has a person wearing a hat icon.
- Abakusanya umusaruro**: Has a person with a tractor icon.
- Dashibodi/Ikibaho**: Has a stylized plant icon.

Below the cards, there is a section titled "Ibicuruzwa byacu" (Visible products) featuring four images:

- Cashew's Best**: Image of cashew nuts.
- Beyco test beans**: Image of coffee beans.
- Test RW**: Image of a cup of coffee with latte art.
- Test HND**: Image of coffee beans.

Igihe wageze ahanditse "*Ibikorwa*", kurikira inzira nkuko bigaragara ku ifoto hepfo ubashe gukora igikorwa cyo kugurira abahinzi benshi icyarimwe.

The screenshot shows the INATRACE 2.0 application interface for a producer organization. The main content area displays the following information:

- Delivery Details:**
 - Delivery ID: Kugura
 - Date: Gutunganya umusaruro
 - Recipient: Ubwishyu
 - Status: Sitoki
 - Owner: Denyse (Magic Mountain Producers)
- Delivery Type:** Ibikorwa byo kugura
- Delivery Status:** Hitamo uruganda (Hitamo ahabera igikorwa)
- Action Buttons:**
 - + Ongeraho igikorwa cyo kugura
 - + Ongeraho igikorwa cyo kugurira hamwe
- Delivery Log:** Urutonde rw/ibikorwa byo kugura (Kwerekana 10/28)
- Delivery Items:**

| Itariki yo kohereza | Umuhinzi | Igicuruzwa kigitunganywa | Ingano | Ayishyurwa / Asigaye | Ibikorwa |
|---------------------|-----------------------------------|--------------------------------|--------|----------------------|--|
| 29.6.2023 | Yvette Abizera (43, RU-CE) | Ikawa y'igitumbwe itaratonorwa | 100 kg | 1.000 / 1.000 | Guhindura Reba Ongeraho kwishyura ayasigaye Umwirondoro w'umuhinzi Gusiba |
| 27.6.2023 | Pascal Tuyishime (17, IM-CE) | Ikawa y'igitumbwe itaratonorwa | 100 kg | 500 / 0 | Guhindura Reba Ongeraho kwishyura ayasigaye Umwirondoro w'umuhinzi Gusiba |
| 26.6.2023 | Yvonne Maniraho (42, BL-CE) | Ikawa y'igitumbwe itaratonorwa | 56 kg | 67.200 / 67.200 | Guhindura Reba Ongeraho kwishyura ayasigaye Umwirondoro w'umuhinzi Gusiba |
| 26.6.2023 | Claudine Niyokwizerwa (37, MA-CE) | Ikawa y'igitumbwe itaratonorwa | 23 kg | 27.600 / 27.600 | Guhindura Reba Ongeraho kwishyura ayasigaye Umwirondoro w'umuhinzi Gusiba |
| 21.6.2023 | Pascal Tuyishime (17, IM-CE) | Ikawa y'igitumbwe itaratonorwa | 15 kg | 20.115 / 20.115 | Guhindura Reba Ongeraho kwishyura ayasigaye Umwirondoro w'umuhinzi Gusiba |
| 14.3.2023 | Rudi Rwandacoffee (5507, VI-MA) | Ikawa y'igitumbwe itaratonorwa | 99 kg | 22.770 / 0 | Guhindura Reba Ongeraho kwishyura ayasigaye Umwirondoro w'umuhinzi Gusiba |
| 14.3.2023 | Jean Uwimana (5509, RU-10) | Ikawa y'igitumbwe itaratonorwa | 50 kg | 250.000 / 0 | Guhindura Reba Ongeraho kwishyura ayasigaye Umwirondoro w'umuhinzi Gusiba |

The sidebar on the left contains the following navigation links:

- [1] INA
- [2] Ibikorwa
- Komande
- Abahinzi
- Abakusanya umusaruro
- Dashibodi/Ikbaho

Annotations with numbers [1] through [5] highlight specific UI elements:

- [1] Points to the INA icon in the sidebar.
- [2] Points to the Ibikorwa link in the sidebar.
- [3] Points to the "Kugura" delivery ID in the header.
- [4] Points to the "Hitamo ahantu hakirirwa umusaruro" button.
- [5] Points to the "Muyunguruzi" and "Gushakisha" buttons at the bottom right of the delivery log.

Nyuma yo gukanda ahanditse "**Ongeraho igikorwa cyo kugurira hamwe**", hagaragara paje nkiyo iri hasi, biguha uburyo bwo kwandika amakuru yose akenewe mu kugurira abahinzi benshi hamwe. Usabwa kwandika amakuru atandukanye ay'igihe igikorwa cyo kugura cyabereye, amazina y'abahinzi, ibiro bagemuye, igiciro ku kiro, uko abahinzi bifuza kwishyurwa, ibiranga umusaruro waguzwe hamwe n'ibihamya. Kurikiza inzira nkuko yerekana wa ku ifoto hepfo:

Igikorwa cyo kugura gishya

[6] Genzura niba amataliki yishyizemo ariyo.

Amakuru yibanze

Itariki yo kugemura* [8] Hitamo izina ry'umuhinzi

Ikusanya umusaruro

Umukozi wa koperative*

Uburyo bwo kwishyura bukoreshwa * kensi

Izina ry'ikifashishwa

Abahinzi

Umuhanzi*

Semi-product*

Ingano (kg)*

Igiciro ku igipimo kimwe (RWF/kg)*

Oruganike*

Abagore gusa*

Ubwishyu shingiro (RWF)

Fungura asigaye (RWF)

Ibindi bihamya

Urutonde rw'ibihamya by'ininyongera

Kongeraho ibishyashya

[13] Ongeraho igihamya

[14] Bika

Cancel Save

[7]

[9]

[10]

[11]

[12] kanda hano kugirango wongereho ikindi gikorwa cyo kugura

[14]

Igice cya 3.

Gutunganya umusaruro

Iki gice gifasha abakoresha sisiteme kwinjiza muri sisiteme amakuru y'ibikorwa byose bijyanye no gutunganya umusaruro mu ruganda rwanyu ndetse no kohereza ibicuruzwa biva aho mukorera bijya mu bindi.

IBIKORWA BYO GUTUNGANYA UMUSARURO

Nkuko buri ruhererekane nyongeragaciro rwhiariye niko imiterere ya buri kigo cg koperative yihariye muri sisisteme ya INATrace. Ibi bigendana nuko buri aho ibikorwa bibera ndetse n'ibikorwa mu gutunganya umusaruro bitandukana bitewe n'ikigo/koperative cg uruhererekane nyongeragaciro.

Twifashishiye urugero rw'uruhererekane nyongeragaciro rw'ikawa, ku mapaje akurikira, turerekana uburyo bwo kinjiza muri sisiteme amakuru y'ibikorwa byo gutunganya umusaruro uhereye ku kwakira umusaroukiva ku bahinzi kugeza muri sitoke ya nyuma y'ikigo aho igicuruzwa kiba kitegura kugurishwa.

IKITONDERWA:

- **Amakuru y'ibikorwa byo gutunganya umusaruro yinjizwa muri sisiteme hakurikijwe uko ibikorwa bikurikirana NYUMA** yo kwinjiza amakuru ajyanye no kugura/kwakira umusaruro ugiye gutunganya.
- Kugirango uzabashe gukurikirana umusaruro mu bikorwa bitandukanye byo kuwutunganya, **sisiteme igusaba kode “Izina rya loti rikoreshwa hagati y'abakozi mu kigo”** iranga buri cyiciro cy'umusaruro.
- Witonde **umenye neza ko wahisemo ahakorerwa igikorwa hanyaho**, byumwihariko igihe igicuruzwa (umusaruro) cyawe cyimuriwe ahandi mu mirimo yo kugitunganya. Urugero: Ahatangirira igikorwa cya 2 hagomba kuba ariho hasorejwe igikorwa cya 1. Bitabaye ibyo ntubasha guhitamo igicuruzwa uri butunganye ku gikorwa cya 2.

3.1 Ibikorwa bibanziriza gutunganya umusaruro

Kwinjiza amakuru muri sisiteme ajyanye n'ibikorwa byo gutunganya umusaruro, kanda ku kamenyetso ka “Kampani”, urahita ujya ku “**Ibikorwa**”. Ushobora no guhita ukanda ahanditse “**Ibikorwa**” nkuko bigaragara kuri iyi foto ikurikira.

The screenshot shows the INATrace platform interface. On the left, there is a vertical orange sidebar with icons for 'INA' (a house), 'Cyangwa hano' (a gear), and 'Kanda hano' (a gear). A green arrow points from the 'Kanda hano' icon to the 'Ibikorwa' section. Another green arrow points from the 'Cyangwa hano' icon to the 'Ibikorwa' section. The 'Ibikorwa' section is highlighted with a green border. It contains a green house icon and the text 'Ibikorwa'. Below this are four other sections: 'Komande' (green building icon), 'Abahinzi' (green person wearing a hat icon), 'Abakusanya umusaruro' (green person with a tractor icon), and 'Dashibodi/Ikibaho' (green stylized leaf icon). At the bottom, there is a section titled 'Ibicuruzwa byacu' with four images: 'Cashew's Best' (cashews), 'Beyco test beans' (coffee beans), 'Test RW' (cappuccino), and 'Test HND' (coffee beans).

[1] Kanda hano

[1] Cyangwa hano

Ibikorwa

Komande

Abahinzi

Abakusanya umusaruro

Dashibodi/Ikibaho

Ibicuruzwa byacu

Cashew's Best

Beyco test beans

Test RW

Test HND

3.1.1 Gupima umusaruro waguzwe

Kanda ku kamenyetso k'aho aho igikorwa cyo gutunganya umusaruro gikorerwa. Muri uru rugero, turakanda ahantitse ngo **“Gupima ikawa y'igitumbwe itaratonorwa”** kugirango twinjize muri sisiteme amakuru ajyanye no gupima umusaruro.

[1] INA

[2] Ibikorwa

[3] Gutunganya umusaruro

[4] Hitamo igikorwa cyo gutunganya umusaruro ushaka ukurikije aho kibera

Paje ya “**Ongeraho iikindi igikorwa cyo gutunganya umusaruro**” iraza hari amakuru yuzujwe mo mbere ku gikorwa cyo gutunganya ndetse n’ahabera igikorerwa.

Iyi paje iriho ibice bibiri:

“**Ikinjizwa**” ni ukuvuga amakuru ku bigeye gutunganywa

“**Ibyavuye mu bitunganywa**” ni ukuvuga ibiboneka nyuma yo gutunganya umusaruro

Umusaruro ugiye
gutunganywa winjira
(mbere yuko igikorwa
cyo gutunganya
umusaruro gitangira)

The image displays two side-by-side screenshots of a software application interface, likely a mobile app or web-based system, used for managing agricultural certificates. Both screens have a light gray background with green borders around their content areas.

Left Screen (Ongeraho iikindi gikorwa cyo gutunganya):

- Section 1:** A header "Ongeraho iikindi gikorwa cyo gutunganya" above a form field labeled "Hitamo igikorwa ushaka kubika".
- Form Fields:**
 - "Igikorwa cyo gutunganya*" dropdown menu showing "Gupima ikawa y'igitumbwe itaratonorwa".
 - "Itariki yatunganirijweho*" input field showing "2. 8. 2023".
- Section 2:** A header "Ikinjizwa" above a form field labeled "Ahabera igikorwa*".
- Form Fields:**
 - "Uruganda 1" dropdown menu showing "Kuva" and "Kujya".
 - "RW-D. M. LLLk" and "RW-D. M. LLLk" buttons.
 - "Gushakisha" and "Muyunguruzu" buttons.
- Section 3:** A header "Ongeraho ibikorwa bishya" above a list of checkboxes and weight inputs.
- List:**
 - “Hitamo byose (Ikawa y'igitumbwe itaratonorwa) 100 kg”
 - “PT-Abiera-2023-08-02 (Yvette Abiera) 100 kg”
 - “PT-Tuyishime-2023-06-27 (Pascal Tuyishime) 56 kg”
 - “PT-Maniraho-2023-06-26 (Yvonne Maniraho) 23 kg”
 - “PT-Niyokwizerwa-2023-06-26 (Claudine Niyokwizerwa) 750 kg”

Right Screen (Ibyavuye mu bitunganywa):

- Section 1:** A header "Ibyavuye mu bitunganywa" above a form field labeled "ubwoko bw'Ibicuruzwa bigitunganywa*".
- Form Fields:**
 - "Ikawa y'igitumbwe idatono ye yakusanirijwe hamwe" dropdown menu.
 - "Ibyifashishwa*" dropdown menu showing "Hitamo ahabera igikorwa".
 - "Ijambo ryibanze" dropdown menu showing "LOT".
 - "Izina rya loti rikoreshwa hagati y'abakozi mu kigo*" dropdown menu showing "Injiza izina rya loti rikoreshwa hagati y'abakozi mu kigo".
 - "Ingano nylibisohoka muri kg*" input field showing "Shyiramo ingano".
- Section 2:** A green button labeled "Ongeraho ibisohoka".

Umusaruro
watunganyijwe usohoka
(nyuma yuko igikorwa cyo
gutunganya umusaruro
kirangije)

Kurikiza inzira igaragazwa hepfo (*reba ifoto hasi*) kugira ngo winjize muri sisiteme amakuru ajyanye n'igikorwa cyo gutunganya umusaruro, nko m'urugero rukurikira rwo "**Gupima ikawa y'igitumbwe itaratonorwa**"

[5] Shyirambo italiki igikorwa cyatangiriye

[6] Hitamo umusaruro ugiye gutunganywa.

[7] Hitamo aho umusaruro ujya nyuma yuko iki gikorwa kirangiye.

[8] Andikamo kode ya lot yihariye (igomba kuba idasa nindi iyariyo yose iri muri sisiteme).

[9] Andikamo ingano y'ibiro yose hamwe wabonye nyuma yuko iki gikorwa kirangiye

Kurikiza izi ntambwe zikurikira zo kongeraho “ **Ibimenyetso byo mu gutunganya**” hanyuma ukomereze ku kubika amakuru yose wanditse ukanda kuri “**Bika**”.

The screenshot shows the software interface for managing agricultural documents. At the top, there are two sections for selecting document types:

- PT-Uwimana-2021-11-15 (Marie Claire Uwimana)
- PT-Maniraho-2021-11-15 (Yvonne Maniraho)

On the right, the selected document type is shown with its weight: **4855 kg**.

Total quantities

| | |
|---|-------------------------------|
| Ingano y'ibyinjira muri kg 7168.00 | Ingano y'ibisigaye kg 3.00 |
| Ingano yose hamwe y'ibisigaye kg 7165.00 | |
| Ibitekerezo | |

Ibimenyetso byo mu gutunganya

Izindi dosiye zibimenyetso
Kongeraho ibishyashya

Kongeraho.ibishyashya

A green arrow points from the text “Kanda ku ‘kongeraho ibishyashya’ maze wongereho inyandiko y’ighamya.” to the “Kongeraho.ibishyashya” button.

The screenshot shows a document creation form titled “Ibimenyetso byo mu gutunganya”.

Annotations with arrows:

- [a] reba niba amataiki ariyo → points to the date input field: **Itariki***
- [b] Hitamo igihamya → points to the document title input field: **Ubwoko***
- [c] Shyiramo ibigaragaza ibipimo cyangwa igihamya cyokugura. → points to the file upload section: **Idosiye (JPG, PNG, PDF)*** **Browse**
- [d] Emeza → points to the “Emeza” button.
- [e] Bika nyuma yokureba ko igikorwa cyogutunganya umusaruro aricyo → points to the “Bika” button.

3.1.2 Gutunganya umusaruro: Gutunganya kawa kuva ku gitumbwe kugeza yanitswe

Jya aho igikorwa ushaka cyo gutunganya umusaruro gikorerwa. Muri uru rugero, dukanda ahanditse ngo “Gutunganya kawa kuva ku gitumbwe kugeza yanitswe” kugirango twinjize muri sisiteme amakuru ajyanye nicyo gikorwa.

The screenshot illustrates the creation of a new coffee washing category within the 'Gutunganya umusaruro' section of the 'Magic Mountain Producers' organization. The process is guided by numbered arrows:

- [1] A green arrow points to the 'INA' icon in the top left corner of the sidebar.
- [2] A green arrow points to the 'Ibikorwa' button in the sidebar.
- [3] An orange arrow points from the 'Gutunganya umusaruro' section in the main header to the 'Uruganda 2' card.
- [4] A green arrow points to the expanded 'Gutunganya kawa kuva ku gitumbwe kugeza yanitswe' card, which contains the text: "Gupima ikawa y'igitumbwe itaratonorwa Gutunganya kawa kuva ku gitumbwe kugeza yanitswe".

Ibikorwa byo gutunganya

Ibyifashishwa
Kwerekana 5/5

Uruganda 1

Village 1

Ikawa y'igitumbwe itaratonorwa, Pile of fully washed coffee, Pile of wet-sorted and air-dried coffee, Pile of fermented coffee, Loti ya kawa ziri k...

Uruganda 2

Village 2

Ikaw sorti Gupima ikawa y'igitumbwe itaratonorwa
Gutunganya kawa kuva ku gitumbwe kugeza yanitswe

Gupakira kawa yumye neza mu mifuka no kuyijana muri sitoke ya parishe

Uruganda rutonora kawa yumye

Village 1

Umufulka w'umweru wa parishe, Ikawa ya girini iri hamendewe ku ngano yayo, Umufulka w'umweru w'ikawa ya girini, Pile of sorted...

Sitoke ya kawa ya girini

Village 1

Umufulka wa gereniporo pa kawa ya girini, Umufulka w'umweru w'ikawa ya girini

+ Ongeraho igikorwa cyo gutunganya

Denyse (Magic Mountain Producers) ⚙

Komande
Abahinzi
Abakusanya umusaruro
Dashibodi/Ikibaho

[4] Hitamo igikorwa cyo gutunganya umusaruro ushaka ukurikije aho Kibera mu kigo cyanyu

Paje ya “**Ongeraho igikorwa cyo gutunganya umusaruro**” iraza hari amakuru yuzujwe mo mbere ku **gikorwa cyo gutunganya** ndetse n’ahabera igikorerwa.

Iyi paje iriho ibice bibiri:

“**Ikinjizwa**” ni ukuvuga amakuru ku bigeye gutunganywa

“**Ibyavuye mu bitunganywa**” ni ukuvuga ibiboneka nyuma yo gutunganya umusaruro

Ongeraho iikindi gikorwa cyo gutunganya



Hitamo igikorwa ushaka kubika

Igikorwa cyo gutunganya*
Gutunganya kawa kuva ku gitumbwe kugeza yanitswe

Itariki yatunganirijweho*
1. 8. 2023

Ikinjizwa

Ahabera igikorwa*
Uruganda 1

Kuva Kujya
RW-D, M, LLLk RW-D, M, LLLk

Gushakisha Muyunguruzi

Ongeraho ibikorwa bishya

Hitamo byose (Ikawa y'igitumbwe idatonoye yakusanirijwe hamwe)
 LOT CW1151121WO ✕ 14140 kg
 LOT 123 ✕ 98 kg



Ibyavuye mu bitunganywa

ubwoko bw'Ibicuruzwa bigitunganywa*
Loti ya kawa ziri ku bitanda/ibitara

Ibyifashishwa*
Hitamo ahabera igikorwa

Ijambo ryibanze Izina rya loti rikoreshwa hagati y'abakozi mu kigo*
LOT Injiza izina rya loti rikoreshwa hagati y'abakozi mu kigo

Ingano nyibisohoka muri kg*
Shyiramo ingano

Grade

Ongeraho ibisohoka

Umusaruro watunganyijwe usohoka (nyuma yuko igikorwa cyo gutunganya umusaruro kirangiye)

Umusaruro ugiye gutunganywa winjira (mbere yuko igikorwa cyo gutunganya umusaruro gitangira)

Kurikiza izi intambwe (reba ifoto hepfo) kugira ngo winjize muri sisisteme amakuru y'igikorwa cyo gutunganya umusaruro.

[5] Shyiramo italiki igikorwa cyatangiriyeo.

[6] Hitamo loti y' umusaruro ugiye gutunganywa.

[7] Hitamo aho umusaruro ujya nyuma yuko iki gikorwa kirangiye.

[8] Andikamo kode ya lot yihariye (igomba kuba idasa nindi iyariyo yose iri muri sisiteme).

[9] Andikamo ingano y'ibiro yose hamwe wabonye nyuma yuko iki gikorwa kirangiye.

[10] Uzuzamo amakuru yinyongera (urugero: garade) bitewe nuko mukora mu kigo cyanyu cg se n'amakuru mukenera ku musaruro watunganyijwe.

[11] Ongeraho inyandiko z'ibihamya niba zikenewe hanyuma ukande kuri "Bika"

3.1.3 Gupakira umusaruro wumye no kuwujyana muri sitoke

Jya aho igikorwa ushaka cyo gutunganya umusaruro gikorerwa. Muri uru rugero, dukanda ahanditse ngo “**Gupakira kawa yumye mu mifuka no kuyijyan muri sitoke ya parishe**” kugirango twinjize muri sisiteme amakuru ajanye nicyo gikorwa.

[1] **Gutunganya umusaruro**

[2] **Ibikorwa byo gutunganya**

[3] **Gupakira kawa yumye neza mu mifuka no kuyijyan muri sitoke ya parishe**

[4] **Hitamo igikorwa cyo gutunganya umusaruro ushaka ukurikije aho kibera**

Paje ya “**Ongeraho igikorwa cyo gutunganya umusaruro**” iraza hari amakuru yuzujwe mo mbere ku **gikorwa cyo gutunganya** ndetse n’ahabera igikorerwa.

Iyi paje iriho ibice bibiri:

“**Ikinjizwa**” ni ukuvuga amakuru ku bigeye gutunganywa

“**Ibyavuye mu bitunganya**” ni ukuvuga ibiboneka nyuma yo gutunganya umusaruro

Umusaruro ugiye
gutunganya winjira
(mbere yuko igikorwa
cyo gutunganya
umusaruro gitangira)

Ongeraho iikindi gikorwa cyo gutunganya

Hitamo igikorwa ushaka kubika

Ikinjizwa

Ibyavuye mu bitunganya

Ongeraho ibisohoka

Umusaruro
watunganyiwe usohoka
(nyuma yuko igikorwa cyo
gutunganya umusaruro
kirangiye)

Kurikiza izi ntambwe (*reba ifoto hepfo*) mu **Gupakira umusaruro no kuwohereza muri sitoke.**

The left screenshot shows the 'Ongeraho iikindi gikorwa cyo gutunganya' (Traceability Document Creation) screen. It includes sections for 'Hitamo igikorwa ushaka kubika' (Source Information), 'Ikinjizwa' (Traceability), and 'Ongeraho ibikorwa bishya' (Traceability Details). The right screenshot shows the 'Ibyavuye mu bitunganywa' (Traceability Document View) screen, displaying a list of items with their details and a summary table at the bottom.

| Inomero y'umufuka* | Ingano (nyinshi ntarengwa. 60 kg)* | Unit Price | Action |
|--------------------|------------------------------------|------------|--------|
| 1 | 60.00 | | |
| 2 | 60.00 | | |
| 3 | 60.00 | | |
| 4 | 60.00 | | |
| 5 | 60.00 | | |

Ongeraho ibisohoka

[5] Shyiramo italiki igikorwa cyatangiriye.

[6] Hitamo loti y' umusaruro ugiye gutunganya.

[7] Hitamo sitoke ushaka koherezamo parishe


[8] Andikamo kode ya lot yihariye (igomba kuba idasa n'indi iyariyo yose iri muri sisiteme).

[9] Andikamo ingano y'ibiro yose hamwe wabonye nyuma yuko iki gikorwa kirangiye.

[10] Ibikorwa byose bijyanye no gupakira umusaruro, ingano ya buri gikoresho gipakirwamo (*urugero: umufuka*) igomba kugaragazwa. Ukanze ku kadirishya ka "Ibyinjizwa mbere", sisiteme ihita yuzuzamo ingano nyinshi ntarengwa muri buri gikoresho gipakirwamo.

3.2 Sitoke

Kugira ngo winjize muri sisisteme amakuru ajyanye n'ibikorwa bikorerwa muri za sitoke, kanda ahanditse "Kampani", urahita ujya ku "Ibikorwa". Ushobora no guhita ukanda ahanditse "Ibikorwa" nkuko bigaragara kuri iyo foto.



3.2.1 Kuvana umusaruro muri sitoke ujya ahakorerwa ibindi ibikorwa byo kuwutunganya

Jya ahari akadirishya ka sitoke muri sisiteme aho igikorwa kibera. Muri uru rugero, twakanze ahanditse “**Kujyana parishe ku ruganda rutonora kawa yumye**”.

The screenshot shows the INATrace software interface for coffee processing. The main window displays a grid of coffee lots categorized by origin (Kugura, Ubwishi, Sitoki) and processing method (Ibikorwa byo gutunganya). A sidebar on the left lists categories such as Kugura, Ubwishi, Sitoki, Ibikorwa, Komande, Abahinzi, Abakusanya umusaruro, and Dashibodi/Ikibaho. Annotations are present: [1] points to the sidebar icon; [2] points to the 'Ibikorwa' button; [3] points to the 'Gutunganya umusaruro' button; and [4] points to a detailed view of a coffee lot with descriptive text.

[1]

[2]

[3]

[4] Hitamo igikorwa cyo kujyana parishe ku ruganda rutonora kawa yumye ukurikije aho Kibera mu kiigo cyanyu.

Paje ya “**Ongeraho igikorwa cyo gutunganya umusaruro**” iraza hari amakuru yuzujwe mo mbere ku **gikorwa cyo gutunganya** ndetse n’ahabera igikorerwa.

Iyi paje iriho ibice bibiri:

“**Ikinjizwa**” ni ukuvuga amakuru ku bigeye gutunganywa

“**Ibyavuye mu bitunganywa**” ni ukuvuga ibiboneka nyuma yo gutunganya umusaruro

Umusaruro ugiye kwimurwa (*mbere yuko igikorwa gitangira*)

Umusaruro wimuwe
(nyuma yuko igikorwa cyo kwimurwa kirangiye)

Kurikiza izi ntambwe (*reba ifoto hepfo*) kugirango ubashe kwinjiza amakuru muri sisiteme ajyanye no **Kuvana umusaruro muri sitoke ujya ahakorerwa ibindi ibikorwa byo kuwutunganya.**

Ongeraho igikorwa cyo kwimura

Hitamo igikorwa ushaka kubika

Igikorwa cyo gutunganya*

Itariki yatunganirijweho*

Ikinjizwa

Ahabera igikorwa*

Kuva Kuja

Gushakisha

Ongeraho ibikorwa bishya

| | |
|---|------------|
| <input type="checkbox"/> Hitamo byose (Umufuka w'umweru wa parishe) | 53 / 53 kg |
| <input checked="" type="checkbox"/> LOT 123/36 ♂ | 60 / 60 kg |
| <input checked="" type="checkbox"/> LOT 123/35 ♂ | 60 / 60 kg |
| <input checked="" type="checkbox"/> LOT 123/34 ♂ | 60 / 60 kg |
| <input checked="" type="checkbox"/> LOT 123/33 ♂ | 60 / 60 kg |
| <input checked="" type="checkbox"/> LOT 123/32 ♂ | 60 / 60 kg |

Ibimenyetso byo mu gutunganya

Izindi dosiye zibimenyetso

Kongeraho ibishyashya

Ibyavuye mu bitunganywa

ubwoko bw'ibicuruzwa bigitunganywa*

Ibyifashishwa*

Ijambo ryibanze

Izina rya loti rikoreshwa hagati y'abakozi mu kigo*

Funga

Bika

[5] Shyiramo italiki igikorwa cyatangiriye.

Hitamo igikorwa ushaka kubika

Igikorwa cyo gutunganya*

Kujyana pariske ku ruganda rutonora kawa yumye

Itariki yatunganirijweho*

1. 8. 2023

Ikinjizwa

Ahabera igikorwa*

Sitoke ya Parishe

Kuva Kuja

RW-D. M. LLL

RW-D. M. LLL

Ongeraho ibikorwa bishya

Hitamo byose (Umufuka w'umweru wa parishe)

